# >>> IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER <<<

UKUBOZA 2025

## MU KARERE HIZIHIRIJWE UMUNSI MUKURU W'IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO (ECD DAY) KU RWEGO RW'IGIHUGU



>>> SOMA PAJI YA 2

>>> SOMA PAJI YA 6

## KIBUMBWE- MU GUSOZA IMINSI 16 Y'UBUKANGURAMBUGA BUGAMIJE KURWANYA IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA, HASHYINGIWE IMWE MU MIRYANGO YABANAGA MU BURYO BUTEMEWE N'AMATEGEKO



SOMA PAJI YA 7 <<<

## MU BIRORI BY'ISABUKURU Y'IMYAKA 90 IKIPE YA AMAGAJU FC IMAZE ISHINZWE, MEYA NIYOMWUNGERI YASHIMIYE UBUYOBOZI BWAYO HAMWE N'ABAFANA





>>> SOMA PAJI YA 7

## PEREZIDA W'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YASANGIYE N'ABANA BO MURI GASAKA IMINSI MIKURU ISOZA UMWAKA WA 2025

# MU KARERE HIZIHIRIJWE UMUNSI MUKURU W'IMBONEZAMIKURIRE Y'ABANA BATO (ECD DAY) KU RWEGO RW'IGIHUGU



***Honorable INGABIRE, DG wa NCDA yifatanyije n'Ubuyobozi bw'Akarere muri ECD Day***

Ku wa 11 Ukuboza 2025, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Honorable INGABIRE Assumpta ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA, bakiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO wari uri kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe na bamwe mu bagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere.

Bari baje kwifatanyije n'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe by'umwihariko abo mu Murenge wa Gasaka mu birori by'Umunsi Mukuru w'Imbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Day) ku rwego rw'Igihugu byabereye kuri Stade Nyagisenyi.

Ibirori byabanjirijwe no gusura Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rukorera hafi y'Abaturage rwa Gasaka n'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato rubarizwa mu Igororero rya Nyamagabe. Habayeho kandi imurikabikorwa rito (Mini Expo).

Umuyobozi Mukuru wa NCDA, Honorable INGABIRE yasabye ababyeyi bo mu Karere ka Nyamagabe kwita ku mikurire y'abana babo babajyana mu Ngo Mbonezamikurire y'Abana Bato hakiri kare kugira ngo bazageze igihe cyo kujya kwiga ubwonko bwabo bwaramaze gukanguka.



***Mu kwizihiza ECD Day abana bo muri ECD yo mu Igororero rya Nyamagabe bahawe indyo yuzuye***

Muri ibi birori byo kwizihiza Umunsi Mukuru w'Imbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Day), abana bafite ubumuga bw'ingingo nabo bahawe inyunganirangingo hamwe n'amagare.




***Abana bafite Ubumuga bw'ingingo bo muri Gasaka bahawe inyunganirangingo hamwe n'amagare***

# ABANTU BAFITE UBUMUGA BO MU KARERE BIJEJWE N'UBUYOBOZI BW'AKARERE KO BUZAKOMEZA KUBABA HAFI



*Visi Meya UWAMARIYA mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga*

Ku wa 03 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Mbazi, mu birori byo kwizihiza ku rwego rw'Akarere Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Dushyigikire Umuryango udaheza Abantu bafite Ubumuga- duteze imbere imibereho myiza".

Umuhuzabikorwa w'Abantu bafite Ubumuga mu Murenge wa Mbazi, NIYIREBA Juvénal yavuze ko ubu Abantu bafite Ubumuga bahawe agaciro.

Yaragize ati: "Cyera abatari bake bari bazi ko Abantu bafite Ubumuga dutunzwe no gusabiriza gusa ariko ibyo byabaye amateka. Bamwe twarize, twibumbira mu makoperative tukiteza imbere nk'abandi. Hano i Mbazi dufite Koperative twibumbiyemo.

Nubwo hari imbogamizi tugihura nazo, turakora kandi tukiteza imbere. Turashima Leta y'u Rwanda yaduhaye agaciro."

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yashimiye Abantu bafite Ubumuga bo mu Karere by'umwihariko abo mu Murenge wa Mbazi ku ruhare bagira mu iterambere ryabo no ku ry'Igihugu muri rusange.

Yabijeje ko inzozi bafite zo kugera ku iterambere rirambye zizaba impamo kuko ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Igihugu bubari inyuma. Yashimiye kandi abafatanyabikorwa batandukanye ku ruhare bagira mu iterambere ry'Abantu bafite Ubumuga mu Karere.

Kwizihiza ku rwego rw'Akarere Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga, byasojwe no kuremera abafite Ubumuga batishoboye.



*Umuhuzabikorwa w'Abantu bafite Ubumuga muri Mbazi ashimira Ubuyobozi bw'Akarere*



*Hatanzwe inyunganirangingo n'igare ku bana bafite ubumuga*

## GASAKA- ABATWARA ABAGENZI KURI MOTO NO KU MAGARE BASABWE KUGARAGAZA AHASHOBORA KUBERA IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA N’ICURUZWA RY’ABANTU



***Visi Meya UWAMARIYA mu bukangurambaga ku kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina***

Ku wa 04 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye ubukangurambaga bwo gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina hamwe n'icuruzwa ry'abantu mu Murenge wa Gasaka.

Ubu bukangurambaga bwitabiriwe n'abatwara abagenzi kuri moto no ku magare n'abandi batandukanye bakorera mu Mujyi wa Nyamagabe, bwakozwe muri gahunda y'iminsi 16 y'ubukangurambaga bwahariwe kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina yatangiye ku wa 25 Ugushyingo 2025.

Bwabimburiwe n'urugendo rwo kuva mu Mujyi rwagati rwerekeza mu Busitani bw'Akarere (Smart Area) ahakomereje ibiganiro.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye abitabiriye ubu bukangurambaga kujya batanga amakuru y'ahashobora kuba ihohotera n’icuruzwa ry'abantu dore ko bari mu bahura n'abantu benshi.




***Abatwara abagenzi kuri moto no ku magare mu rugendo rwo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina hamwe n’icuruzwa ry’abantu***

# UBUYOBOZI BW'AKARERE BWIFATANYIJE N'INGANDA Z'ICYAYI ZIKORERE MU KARERE MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI MUKURU W'UMUHINZI W'ICYAYI



***Meya NIYOMWUNGERI mu birori byo kwizihiza Umunsi w'Umuhinzi w'Icyayi mu Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Company)***

Ku wa 06 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'Ubuyobozi bw'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Company) ruherereye mu Murenge wa Kitabi hamwe n'abakozi barwo, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mukuru ngarukamwaka w'Umuhinzi w'Icyayi ku rwego rw'Akarere.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abahinzi b'icyayi gukomeza kucyitaho kugira ngo kirusheho kubateza imbere.

Kuri uyu munsi, mu Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo gusura Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD), hashimwa imikorere yarwo.



***Imikorere y'Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) rwo mu Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi yarashimwe***

Iyi ECD ibamo abana bafite ababyeyi basoroma icyayi hamwe n'abakora muri uru Ruganda.

Abana bo muri uru Rugo Mbonezamikurire y'Abana Bato bahawe amata.

Habayeho kandi kuremera bamwe mu bakozi b'Uruganda.

Umunsi Mukuru ngarukamwaka w'Umuhinzi w'Icyayi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we yawizihirije mu Ruganda rw'Icyayi rwa Mushubi (Mushubi Tea Factory) ruherereye mu Murenge wa Buruhukiro.

Muri ibi birori, bamwe mu basoromyi b'icyayi n'abakozi b'Uruganda bitwaye neza mu mwaka wa 2025 barashimiwe.

Hari abagabiwe amatungo magufi, abandi amaremare mu gihe hari n'abahawe ibiryamirwa hamwe n'ibyo kwiyorosa.





***Mu Ruganda rw'Icyayi rwa Mushubi aho Umushyitsi Mukuru yari Visi Meya HABIMANA, hatanzwe amatungo maremare, amagufi hamwe n'ibiryamirwa***

## KIBUMBWE- MU GUSOZA IMINSI 16 Y'UBUKANGURAMBUGA BUGAMIJE KURWANYA IHOHOTERA RISHINGIYE KU GITSINA, HASHYINGIWE IMWE MU MIRYANGO YABANAGA MU BURYO BUTEMEWE N'AMATEGEKO



*Visi Meya mu gusoza ubukangurambaga ku kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina*

Ku wa 10 Ukuboza 2025, mu Murenge wa Kibumbwe hasorejwe ku rwego rw'Akarere, Iminsi 16 y'ubukangurambaga bugamije kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina aho Umushyitsi Mukuru yari Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA.

Igikorwa cyabanjirijwe no gushyingira imiryango igera kuri 45 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko.



*Muri Kibumbwe hashyingiwe imiryango 45 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko*

Visi Meya UWAMARIYA yashimiye abafatanyabikorwa batandukanye ku ruhare bagize muri ubu bukangurambaga.

Yashimiye kandi imiryango yiyemeje kubana mu buryo bwemewe n'amategeko. Yasabye abatarabikora kubikora vuba kuko bifasha abana mu kubona uburenganzira bwabo.

Yaragize ati: "Turashimira abafatanyabikorwa batandukanye bagize uruhare mu migendekere myiza y'ubu bukangurambaga. Turashimira kandi imiryango yafashe icyemezo cyo kubana mu buryo bwemewe n'amategeko kuko bituma abana babo bagira uburenganzira busesuye. Turasaba abatarabikora kwihutira kubikora."

By'umwihariko yasabye abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe kwirinda ihohotera rishingiye ku gitsina n'amakimbirane, baha abana babo uburere bukwiye.

Ku wa 25 Ugushyingo 2025, ni bwo mu Mirenge yose igize Akarere ka Nyamagabe hatangijwe iminsi 16 y'ubukangurambaga bwari bugamije kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina.

Ku rwego rw'Akarere iyi minsi yatangirijwe mu Murenge wa Cyanika aho Umushyitsi Mukuru yari Honorable UWIRINGIYIMANA Philbert.

Muri ubu bukangurambaga hatanzwe ibiganiro ku kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu.

Muri rusange mu Karere hose, muri ubu bukangurambaga hashyingiwe imiryango yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko igera ku 183.

## MU BIRORI BY'ISABUKURU Y'IMYAKA 90 IKIPE YA AMAGAJU FC IMAZE ISHINZWE, MEYA NIYOMWUNGERI YASHIMIYE UBUYOBOZI BWAYO HAMWE N'ABAFANA



***Meya NIYOMWUNGERI na Visi Meya HABIMANA mu birori byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 90 ya Amagaju FC***

Ku wa 20 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA bifatanyije n'ubuyobozi bw'ikipe ya Amagaju FC hamwe n'abafana bayo mu kwizihiza isabukuru y'imyaka 90 imaze ishinzwe.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye ubuyobozi bw'ikipe n'abafana muri rusange ku ruhare bagira mu iterambere ry'ikipe no kwimakaza imiyoborere myiza.

## PEREZIDA W'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YASANGIYE N'ABANA BO MURI GASAKA IMINSI MIKURU ISOZA UMWAKA WA 2025

Ku wa 20 Ukuboza 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA bifatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasaka mu gusangira iminsi mikuru y'impera z'umwaka wa 2025 n'abana by'umwihariko abo mu miryango itishoboye.





***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO na Visi Meya UWAMARIYA basangiye n'abana bo muri Gasaka iminsi mikuru isoza umwaka wa 2025***



***Visi Meya UWAMARIYA asangiza abana bo muri Gasaka iminsi mikuru isoza umwaka wa 2025***

# INAMA Y'INTEKO RUSANGE Y'ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE RY'AKARERE (JADF NYAMAGABE) YAREBEYE HAMWE AHO IMIHIGO YA 2025-2026 IGEZE YESWA



***Meya NIYOMWUNGERI ari kumwe na Visi Meya HABIMANA mu nama y'Inteko Rusange ya JADF Nyamagabe***

Ku wa 24 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye inama y'Inteko Rusange y'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF Nyamagabe). Inama yarebeye hamwe aho imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2025-2026 mu bihembwe bibiri bibanza igeze yeswa.

Harebwe kandi uruhare rw'abafatanyabikorwa b'Akarere mu kwesa iyi mihigo.

Mu bindi byarebweho, ni ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage (Human Security Issues) byagaragaye mu bihembwe bibiri bibanza by'umwaka wa 2025-2026 na gahunda y'Akarere yo kuvana abaturage mu bukene "Nyamagabe Gira Wigire".



***Abafatanyabikorwa b'Akarere batanga ibitekerezo ku cyateza imbere Akarere***


***Abayobozi b'Akarere n'Abafatanyabikorwa mu ifoto rusange***

## NRS YASUZUMYE IMIKORERE YA KOMITE ZISHINZWE GUKURIKIRANA IBIGO BY'IGORORAMUCO BY'IBANZE (PRCS) MU KARERE




*Meya NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda rya NRS*

Ku wa 17 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ry'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Igororamuco (NRS), bakorana inama na Komite ishinzwe gukurikirana Ibigo by'Igororamuco by'Ibanze (PRCs) ku rwego rw'Akarere hamwe n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

Iyi nama yasuzumye imikorere y'ibi Bigo n'ibibazo byagaragajwe n'izindi Nzego. Harebwe kandi ku mikorere ya Command Post y'Akarere by'umwihariko ku bijyanye n'uko ikurikirana abarangije amasomo y'igororamuco.

Iri tsinda ryasuye Koperative y'Imboni z'Impinduka ikorera mu Gakiriro ka Nyamagabe.

Iyi Koperative igizwe n'urubyiruko rwavuye mu Bigo Ngororamuco bitandukanye.



*Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge mu bitabiriye inama ya NRS*

## MBAZI- VISI MEYA USHINZWE ITERAMBERE RY'UBUKUNGU YASUYE SITE ZA FOBASI

Ku wa 02 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasuye site za FOBASI zitadukanye zo mu Murenge wa Mbazi.

By'umwihariko yasuye iya Ruseke, iherereye mu Kagari ka Ngara.

Iyi site ihinzeho ibishyimbo ku buso bwa hegitari 8.

Visi Meya HABIMANA yishimiye ko ibishyimbo bihinze kuri iyi site bimeze neza, asaba abahinzi gukomeza kubyitaho kugira ngo hazaboneke umusaruro ushimishije.

Muri rusange site zose Visi Meya HABIMANA yasuye yasanze zimeze neza, asaba abahinzi kuhira aho bishoboka bitewe nuko imvura yari yarabaye nke.



*Visi Meya HABIMANA yasuye FOBASI ya Ruseke ihinzeho ibishyimbo*

## INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YARATERANYE ISUZUMA NDETSE INEMEZA IBIRIMO RAPORO Z'IBIKORWA BY'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Y'AKARERE BYO MU MEZI 6 ABANZA Y'UMWAKA WA 2025-2026



***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'inama Njyanama y'Akarere***

Ku wa 30 Ukuboza 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yarebeye hamwe bimwe mu bikorwa by'ingenzi by'Akarere byakozwe mu mezi 6 abanza y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026.

Bimwe mu byo inama yasuzumye ikanemeza, harimo raporo z'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mezi 6 abanza y'umwaka wa 2025-2026, raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu mezi 6 abanza y'umwaka wa 2025-2026 n'aho inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta muri raporo y'umwaka wa 2024-2025 zigeze zishyirwa mu bikorwa.

Mu bindi inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yasuzumye harimo itangwa ry'amasoko ya Leta mu mezi 6 abanza y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026 n'intonde z'abaturage babariwe ingurane ku mishinga y'inyungu rusange itandukanye.




***Abajyanama mu nama Njyanama y'Akarere bemeje ibirimo raporo z'ibikorwa by'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mezi 6 abanza y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026***

## ABATURAGE B'AKARERE KA GISAGARA BAJE KWIGIRA KU KARERE UKO IBIHUMYO BIHINGWA



*Visi Meya UWAMARIYA yakiriye itsinda ry'abaturage b'Akarere ka Gisagara*

Ku wa 19 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ry'abaturage 29 baturutse mu Karere ka Gisagara baje mu rugendoshuri rugamije kwiga uko ibihumyo bihingwa.

Basuye G.S Gasaka nka rimwe mu mashuri ahinga ibihumyo byifashishwa muri gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (School Feeding Program).

Basobanuriwe uko ibihumyo biboneka haherewe ku gukora imigina.

Bashimiye cyane Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe ku ngufu bushyira mu kuzamura imirire myiza mu bana cyane cyane mu mashuri, biyemeza gusangiza bagenzi babo ubumenyi bungutse.

Gahunda yo kugaburira abanyeshuri ibihumyo, ni uburyo Akarere kashyizeho nk'ibisubizo mu kunganira no guteza imbere gahunda yo kugaburira abana ku ishuri (School Feeding Program).



*Ibihumyo bifasha mu migendekere myiza ya School Feeding Program mu Karere*




*Abaturage b'i Gisagara bashimye uko basanze gahunda yo guhinga ibihumyo ifasha muri gahunda ya School Feeding*

## LODA YAGENZUYE IMISHINGA IRI MU NKINGI Y'IMIRIMO Y'AMABOKO ISANZWE (CPWS) MU KARERE



*Visi Meya UWAMARIYA yakiriye itsinda rya LODA*

Ku wa 05 Ukuboza 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ry'abakozi b'Ikigo gishinzwe Guteza Imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA).

Iri tsinda ryari riyobowe na Bwana Jean Claude RWAHAMA, Umuyobozi w'Ishami ryo Kurengera Abatishoboye muri LODA ryagaragarije Akarere ibyo ryakuye mu bugenzuzi ryakoreye imishinga iri mu Nkingi y'Imirimo y'Amaboko isanzwe (CPWs) iri kwibanda ku bikorwa byo gukora amaterasi mu Mirenge 7 muri 17 igize Akarere.

Bwana RWAHAMA yavuze ko basanze imirimo igenda neza kandi n'abayikora bahemberwa ku gihe.

Yaragize ati: "Twasanze imirimo igenda neza kandi n'abayikoramo bahemberwa ku gihe. Biba bibabaje iyo umuntu yigomwe indi mirimo akajya gukora azi ko igihe runaka nikigera azahembwa ariko agategereza agaheba. Rero turashimira ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe ko iki kintu mugiha isumbwe."

Iri tsinda ryasabye ko hari ibyanozwa birimo nko gushaka uwajya yita ku bana mu gihe ababyeyi babo bari mu kazi.

Visi Meya UWAMARIYA yijeje iri tsinda ko Akarere katazatezuka ku guhembera ku gihe abakora imirimo y'amaboko muri gahunda ya VUP.

Yavuze ko n'iki cyifuzo cy'uko hashakwa uwajya yita ku bana bafite ababyeyi bakora muri iyi mirimo kigiye kwitabwaho.

Inkingi ya CPWs igenewe ingo zikennye cyane, zidafite imitungo (isambu, amatungo, amashyamba n'ibindi) cyangwa imitungo yazo ari mike cyane ku buryo ntaho zikura ibitunga abagize umuryango uretse guca incuro.

Izo ngo kandi ziba zifite nibura umuntu umwe ushoboye gukora ari nawe uhabwa akazi muri CPWs.

Izo ngo ntizigomba kuba ziri ku rutonde rw'abahabwa inkunga y'ingoboka cyangwa ku rutonde rw'abakora mu nkingi y'imirimo y'amaboko yoroheje.



*Itsinda rya LODA ryashimye uko imirimo y'amaboko muri VUP iri gukorwa n'uburyo abayikora bahemberwa ku gihe*

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060